# NDI UMUNYARWANDA, INZIRA NYAYO YO GUSHAKISHA AGACIRO ABANYARWANDA BATAKAJE.

**Ndi Umunyarwanda nubwo hari bamwe bayita gahunda ariko yo itandukanye n'izindi gahunda nka gahunda ya Girinka, gahunda ya VUP, gahunda yo kurwanya nyakatsi,… kuko zo zigira igihe zitangirira n'igihe zirangirira ariko Ndi Umunyarwanda yo si gahunda ahubwo ni ubuzima (life). Ituma tubaho, tukabana, tukagira ibidushimisha n'ibitubabaza; tukagira ibyo twemera n'ibyo tutemera.**

Ubunyarwanda bwacu bushyigikirwa n'icyo twagereranya na zahabu yacu cyo kuba twese duhuje ururimi, umuco, amoko gakondo n'ibindi byinshi. Uretse ko ubunyarwanda bwo bufite agaciro karuta zahabu kuko umuntu ashobora kuguhangika akaguha zahabu y'ikiwani ariko ubunyarwanda bwo nta guhangika bibamo. Ubunyarwanda bwacu ntibushobora gucika, bwanyuze mu bizamini byinshi buratsinda, bwuzuye ukuri kutanyuzwa mu ziko ngo gushye.

Ndi Umunyarwanda ni inzira abantu banyuramo bagahuza imyumvire, bakumva ko basangiye igihugu n'ibyiza byacyo, bagafatira hamwe ingamba zabateza imbere. Ibikorwa byiza bishyigikira ubunyarwanda ni byinshi, ariko twavugamo iby'ingenzi nka:

1. Uburezi bugera ku banyarwanda bose: abana bose bafite uburenganzira bwo kwiga amashuri abanza n'ayisumbuye ku buntu , ababyeyi bagira uruhare mu myigire y'abana babo bagafatanya na Leta mu kongera ibyumba by'amashuri. Mu mashuri makuru na za kaminuza, Leta igira uruhare mu gufasha abana badafite ubushobozi ikabaha inguzanyo. Iyo habonetse imyanya ku banyarwanda bagomba kujya kwiga mu mahanga, batoranywa hakurikijwe amanota babonye mu bizamini bya Leta kandi hakagenderwa ku byo bize n'ibisabwa n'amashuri bagiye kwigamo.
2. Isaranganya n'imikoreshereze y'ubutaka: Ubutaka bwarasaranganyijwe, abari bafite bwinshi bagabana n'abatabufite. Mu rwego rwo kurushaho kubyaza ubwo butaka umusaruro, buri Karere gahitamo ibihingwa bihera kurusha ibindi maze

abaturage bagahuriza hamwe ubutaka, bagahinga ibihingwa bimwe. Ibi bizatuma haboneka umusaruro uhagije kugirango abanyarwanda bashobore kubona ibibatunga bihagije. Ubu butaka kandi bukoreshwa mu bworozi. Hari abororera mu nzuri hakaba n'abororera mu biraro. Gahunda ya Girinka ntirobanura kandi yagejeje ku baturage ibyiza byinshi kuko bagenda borozanya ku buryo imibereho n'imibanire yabo irushaho kuba myiza.

Ubutaka bwarabaruwe, buri muturarwanda afite icyemezo cy'isambu ye akaba ashobora kugikoresha kugirango yiteze imbere agitangaho ingwate mu mabanki agasaba inguzanyo.

3. Imitangire y'akazi: Akazi mu nzego za Leta gatangwa biciye mu ipiganwa kandi hagatangwa amahirwe angana kuri buri wese wujuje ibisabwa ku mwanya runaka. Imyanya itangwa hagendewe ku manota abapiganwe babonye mu bizamini byanditse n'ibyo kuvuga (interview). Abadakurikiza ayo mabwiriza bakwiye kwamaganwa.
4. Mu bucuruzi n'ishoramari, u Rwanda ruri mu bihugu byateye intambwe ishimishije kuko abanyarwanda babishaka kandi babifitiye ubushobozi bakora kandi bagatera imbere bakanateza imbere igihugu cyabo. Abanyamahanga batandukanye barashora imari yabo mu Rwanda mu bikorwa bitandukanye birimo inganda, amahoteri, amabanki,... kubera icyizere barubonamo nk'igihugu kihuta mu iterambere kandi gifite umutekano usesuye.
5. Amabanki aragenda arushaho kwegerezwa abaturage kugirango bashobore kubitsa no gufata inguzanyo zo kwiteza imbere.
6. Imiturire: Abanyarwanda biyemeje gahunda yo gutura mu mijyi no mu midugudu kugirango byorohe kubagezaho ibikorwa remezo nk'amazi, amashanyarazi, amashuri, amavuriro,... Nyakatsi nayo yabaye amateka kandi Leta igira uruhare mu gushakira abatishoboye aho baba ibubakira amazu.

Ishyirwa mu bikorwa rya Ndi Umunyarwanda ni inshingano za buri muturarwanda wese ariko by'umwihariko, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ( NURC) n'Umuryango wa Unity Club bafite inshingano yo kubikurikirana umunsi ku wundi. Kugirango icyo gikorwa cyo kongera kubaka ubunyarwanda kigerweho neza kandi vuba, ni ngombwa ko inzego zose zibigiramo uruhare:Imiryango itegamiye kuri Leta, inzego za Leta

n'iz'abikorera. Akaba ari muri urwo rwego mu kwezi kwa Gashyantare na Werurwe 2015, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yahurije mu mwiherero bamwe mu bafatanyabikorwa bayo:

a) Umwiherero wa ba nyir'ibinyamakuru n'abayobozi babyo wabaye ku matariki ya 22 na 23 Gahyantare 2015, muri Centre Saint André i Kabgayi.
b) Umwiherero w'abacamanza bo mu nkiko z'ibanze n'iz'isumbuye n'uw'abunganira abandi mu nkiko wabaye ku matariki ya 23 - 26 Werurwe muri Centre d'Accuel Boni Consilii i Huye.

Mu mwiherero wabo, baba ba nyir'ibinyamakuru n'abayobozi babyo, baba abacamanza bo mu nkiko z'ibanze n'izisumbuye, baba n'abunganira abandi mu nkiko, bose bafashe imyanzuro yerekana umusanzu bemeye gutanga nk'abanyarwanda kugirango Ndi Umunyarwanda irusheho gutanga umusaruro ushimishije.

**Imyanzuro yafashwe mu mwiherero wa ba nyir'ibinyamakuru n'abayobozi babyo wabaye kuwa 22-23 Gashyantare 2015 i Kabgayi ni iyi ikurikira:**

- Gukoresha imbaraga itangazamakuru rifite zo guhindura sosiyete no kuyigisha mu kubaka ubunyarwanda, kunga abanyarwanda, kubatoza ibibahesha agaciro no kurwanya amacakubiri;

- Kubaka amateka meza yomora ibikomere by'abanyarwanda, kubakangurira iterambere n'ubufatanye bishingiye ku bunyarwanda;

- Kumenyekanisha gahunda ya Ndi Umunyarwanda hubahirijwe amahame y'itangazamakuru;

- Gutanga urubuga rw'ibitekerezo ku banyarwanda b'ingeri zose kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda;

- Kubaka umuco wo kwinenga no kuvuga ibitagenda neza bibangamira indangagaciro z'ubunyarwanda hagamijwe kubikosora;

**Ba nyir'ibitangazamakuru n'abayobozi babyo kandi basabye ko:**

- Ndi Umunyarwanda yakemura ikibazo cyo kutihanganirana kw’abanyapolitiki n’ubwo baba badahuje ibitekerezo ;
- Ndi Umunyarwanda ikwiye kubakira ku mahirwe angana ku bibyarira inyungu abanyarwanda bose harwanywa kwikubira n’icyenewabo;
- Bazahuzwa na Perezida wa Repubulika mu kiganiro cyihariye kuri Ndi Umunyarwanda




*Minisitiri w’Ubutegetsi bw’Igihugu aganira na ba nyir’ibinyamakuru n’abayobozi babyo kuri Ndi Umunyarwanda*.



*Abitabiriye umwiherero wa ba nyir'ibinyamakuru n'abayobozi babyo babonye umwanya wo gutanga ibitekerezo kuri Ndi Umunyarwanda.*

**Imyanzuro yafashwe mu mwiherero w'abacamanza bo mu nkiko z'ibanze n'izisumbuye n'uw'abunganira abandi mu nkiko ni iyi ikurikira:**

- Gufata gahunda ya Ndi Umunyarwanda nk'iyabo haba mu kazi kabo bakora ka buri munsi haba no mu mibanire yabo n'abandi nk'abanyarwanda;
- Gutunganya akazi kabo neza bitwararika icyatuma bagaragarira mu ndorerwamo z'amoko;
- Kugarurira ubucamanza isura nziza bwatakaje kubera amateka mabi igihugu cyacu cyanyuzemo, baca imanza zitabera kandi barwanya akarengane ako ari ko kose ;

- Gukomeza kubaka igihugu kigendera ku mategeko, kuba inyangamugayo , kubaka ubutabera butabogamye no kuvugisha ukuri;
- Kudafata Ndi Umunyarwanda nka gahunda gusa ahubwo ikagaragara mu mikorere yabo ya buri munsi.
- Guhana by'intangarugero ibyaha bishingiye ku kurwanya gahunda nziza ya Ndi Umunyarwanda kandi imanza zirebana n'ibyo byaha zikihutishwa.
- Kwiyumvamo ko ari abanyarwanda mbere ya byose, bagashyira imbere inyungu rusange kurusha izabo bwite birinda ruswa n'akarengane.
- Kugira uruhare mu kugeza Ndi Umunyarwanda ku byiciro byose by'abanyarwanda ari aho bakorera n'aho batuye.
- Guharanira kuraga ababyiruka ubutabera buzababafasha kurushaho guteza imbere u Rwanda no kubungabunga ibyiza rwagezeho.
- Kubahiriza igikorwa cy'agaciro gikomeye cyo kugendera ku ndangagaciro nyarwanda kugirango umunyarwanda agire agaciro nk'ako yahoranye.
- Gufatanya na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC) muri gahunda zayo nziza zo kunga no kubanisha abanyarwanda
- Kubaka umuco wo kwinenga no kuvuga ibitagenda neza bibangamira indangagaciro z'ubunyarwanda hagamijwe kubikosora.
- Gushyiraho urwego rubahuza na Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge bakazajya bahura bakungurana ibitekerezo ku bumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.



*Perezida w'Urukiko rw'ikirenga, Nyakubahwa Sam RUGEGE, aganira n'abacamanza kuri Ndi Umunyarwanda.*



*Abunganira abandi mu nkiko baganira kuri Ndi Umunyarwanda mu matsinda.*

Ndi Umunyurwanda ni icyomoro cy'ibikomere byose twasigiwe n'amateka ndetse ni igihango cyo kuba Abanyarwanda bubatse u Rwanda ruzira amacakubiri rushingiye ku ndangagaciro na kirazira. Kugira ngo umuntu avuge Ndi Umunyarwanda ni uko nawe ubwe agomba kuba ayemera, imurimo, ayisobanukiwe kandi ashobora kuyisobanurira abatarayumva cyangwa abashaka kuyirwanya bayumva uko itari kubera inyungu zabo bwite zo kuyobya abanyarwanda.

Kuba umunyarwanda ni ukwibohora amateka yadutesheje agaciro kacu, ni uburenganzira n'inshingano za buri wese , ni ingufu zacu zo kwiyubaka no kubaka ejo hacu heza dusangiye ( common destiny).

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge